REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA GASABO
WEBSITE : www.gasabo.gov.rw
E-mail : info@gasabo.gov.rw
B.P. 7066 KIGALI

Gasabo, ku wa 9/5/2016
Ref.N° : 013/07.01.02 NJYG/2016

CITY OF KIGALI
09 MAY 2016
RECEIVED

DISTRICT DE GASABO
Received on 9th May

Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 29/04/2016.

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku itariki ya 29 Mata 2016.

Mugire amahoro.

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI.**

MINALOC
Pour réception
Date 09 MAI 2016
Signature

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 29 MATA 2016**

Ku wa gatanu tariki ya 29 Mata 2016, saa tatu n'iminota makumyabiri za mugitondo (09h20), ku biro by'Akarere ka Gasabo mu cyumba cy'inama, hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama BAYISENGE Jeannette
2. Umujyanama NYAMULINDA Pascal
3. Umujyanama KAREMERA Francis
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama BUCYANA André
6. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
7. Umujyanama KAMBANZE Beatrice
8. Umujyanama KAMILI KAREGYE
9. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
10. Umujyanama KAREGA Diogène
11. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
16. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
17. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
18. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
19. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
20. Umujyanama RWIHUNDA Fred
21. Umujyanama SHEMA N. Fabrice
22. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
23. Umujyanama UMUKUNZI Paul
24. Umujyanama UMUTONI Flora
25. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
2. Umujyanama MASOZERA GAHUNZIRE Pierre
3. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
4. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul

**Abajyanama batitabiriye inama nta mpamvu zizwi:**

1.Umujyanama MUGABO Anne

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Imari;
3. Planning, M&E Officer;
4. Umugenzuzi Bwite w'Akarere;
5. Constituency Affairs Officer.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, guha ikaze abayitabiriye, Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje abari mu nama ingingo ziteganyijwe gusuzumwa, asobanura ko kubera ko ari inama isanzwe hari ingingo zongewe mu bintu n'ibindi Abajyanama basabye ko zongerwamo, akomeza abagezaho ingingo zari ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA.**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 11 Werurwe 2016;
2. Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2015-2016;
3. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya gatatu 2015-2016;
4. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
5. Ingengabihe y'inama za Komisiyo na gahunda y'ibikorwa;
6. Ibintu n'ibinmdi:
    - Uko umuhigo wo kubaka ibiro by'Akarere uhagaze;
    - Itorero ku nzego z'Ibanze zatowe ku rwego rw'Imirenge, Utugari n'Imidugudu.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa, Umuyobozi w'Inama Njyanama yabamenyesheje izindi ngingo Abajyanama basabye ko zongerwa ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

1. Ikibazo cy'ishuri ry'ababyeyi rya APERWA kimaze igihe kirekire mu Karere ka Gasabo;
2. Ikibazo cya Plan z'imyubakire kibangamiye urubyiruko rushaka kubaka;
3. Ikibazo cy'ibigega bya lisensi byubatse hagati mu baturage no kubura uburenganzira k'ubutaka bw'Abaturage batuye mu Kagali ka Kabuga ya II, Umudugudu wa Nyagakombe;
4. Ikibazo cyo gufasha abaturage bo mu nkengero z'umujyi mu gukoresha ikoranabuhanga basaba serivisi;
5. Ikibazo cy'abaturage benshi batishimira serivisi zo mu butaka.

Nyuma yo kugaragarizwa ingingo ziteganyijwe, abari mu nama bemeje ko ingingo zikurikirana uko zateganyijwe, ariko ingingo Abajyanama basabye ko zongerwa ku murongo w'ibyigwa, zakaganirwaho nyuma, Abajyanama bazizanye bamaze guhabwa umwanya wo kuzisobanura, bakomeza basuzuma ingingo zateganyijwe ku buryo bukurikira:

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 11 Werurwe 2016**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 11 Werurwe 2016, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama asubiza kuri iyo myanzuro, yemeza ko yose ishobora gushyirwa mu bikorwa kandi asaba ko ishyirwa mu bikorwa ryayo ryakwihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse isubiza kuri iyo myanzuro, bayikoreye ubugororangingo, hagaragazwa ko hari ikibazo kirebana n'imikorere mibi ya SACCO zimwe na zimwe (SACCO ya Jabana) kitagaragaye mu nyandikomvugo kandi gikwiye gufatwaho umwanzuro.

Abari mu nama bagaragaje kandi ko ku birebana n'Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere, hafashwe umwanzuro wo gushyira mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere Umujyanama uhagarariye Inama Njyanama mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi, ariko hakaba ntacyavuzwe ku birebana no kongera manda yayo ; kandi harasobanuwe ko Inama y'Ubuyobozi iriho yashyizweho ku wa 21/11/2010, kandi ko igira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa, nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri No 20/45 yo ku wa 02/11/2010, ashyiraho imiterere ya Farumasi ya y'Akarere; bunguranye ibitekerezo bemeza umwanzuro ikurikira :

**Umwanzuro N° 02.01.010**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, ko mu nshingano zayo yakongeraho no gukurikirana ibibazo byagaragaye muri SACCO zavuzwe ko zidakora neza.

**Umwanzuro N° 02.02.011**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, igomba gukurikirana ikamenya imikorere y'Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere, kugira ngo raporo yayo izashingirweho hemezwa ko yahabwa indi manda cyangwa yarangiza manda, hagashyirwaho indi.

**Umwanzuro N° 02.03.012**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 11 Werurwe 2016, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya kabiri: Raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu 2015-2016**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2015-2016. Yasobanuye ko ibyo bikorwa bikubiyemo

ibikorwa byakozwe n'Inama Njyanama, ibyakozwe na Komite Nyobozi y'Akarere n'ibindi bikorwa byakozwe n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa na Serivisi zikorera mu Karere, bimwe muri ibyo bikorwa biri mu mihigo y'Akarere.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa raporo y'ibikorwa byakozwe mu Karere ka Gasabo mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2015-2016, bunguranye ibitekerezo, bahabwa n'ibisobanuro ku bibazo byari byabajijwe, maze hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 02.04.013**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye kandi yemeza raporo y'bikorwa by'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2015-2016, imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 23/23 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'igihembwe cya gatatu 2015-2016.**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshercze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 20l5-2016, agaragaza uburyo amafaranga yinjiye kuva muri Nyakanga 2015 kugeza muri Werurwe 2016 ndetse anabagezaho uburyo ayo mafaranga yakoreshejwe n'ibyo yakoze.

Yatangiye asobanura ko ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo yatowe ingana n'amafaranga y'u Rwanda 21,156,663,780, igizwe n'amafaranga azaturuka muri Leta 7,952,207,917 n'andi azinjizwa n'Akarere ubwako angana na 13,204,455,863 ndetse n'andi Akarere katangiye umwaka gafite kuri konti angana na *331,389,856*.

Ku birebana n'imyinjirize, amafaranga azinjizwa n'Akarere angana na 13,204,455,863, yagaragaje ko 9,957,286,362 zigomba guturuka mu misoro n'amahoro, ubu hamaze kwinjira 9,168,834,121, bingana na 92.7%. Naho andi angana 2,915,779,645 yaagombaga kwinjira aturutse ku kugurisha ubutaka (Gare ya Kabuga, ikigo Nderabuzima cya Kimironko, Gare n'isoko bya Kimironko) amaze kwinjira angana na 1,545,898,300, kuko aturuka ku butaka bwa Kimironko hamaze kwishurwa 30% gusa y'ikiguzi. Muri rusange Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko amafaranga ateganyijwe kwinjizwa n'Akarere muri uyu mwaka 2015-2016, kugeza ku wa 28/4/2016, Akarere kari kamaze kwinjiza angana na 76% y'ayari ateganyijwe. Naho amafaranga aturuka muri Leta angana na 2,212,338,569 yagombaga kwinjira mu gihembwe cya gatatu, hinjiye 1,171,456,939 bingana na 52.95%, andi angana 1,040, 881,630, ntiyinjiye bitewe n'impamvu za MINECOFIN, ariko kugeza kuwa 28 Mata 2016, ku mafaranga aturuka muri Leta hari hamaze kwinjira angana na 6,311,592,267 kuri 7,952,207,917 ari ateganyijwe, bingana na 79.3%.

Ku birebana n'uburyo ingengo y'imari yakoreshejwe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ku mafaranga 21,156,663,780, igihembwe cya gatatu cyarangiye hamaze gukoreshwa 9,002,880,195 bingana na 42.5%, ariko asobanura ko kugeza ku wa 28 Mata 2016, ingengo y'imari yose yari imaze gukoreshwa ku kigereranyo cya 56%.

Ku birebana n'imyenda, hagaragajwe ko Akarere kabereyemo abantu umwenda w'amafaranga y'u Rwanda 621,507,951 ariko kugeza ku wa 28 Mata 2016, kubera hari fagitire Akarere kari kamaze kwakira, katarazishyura umwenda wari 1,474,377,124.
Ku myenda abantu babereyemo Akarere, kugeza ku wa 31/ 3/2016, Akarere ka Gasabo kari gafitiwe umwenda ungana na 545,584,207, amenshi muri yo akaba aturuka ku birarane by'imisoro. Hagaragajwe kandi ko mu mafaranga y'umwenda Akarere gafitiwe n'abandi bantu, hatabariyemo 70% by'igiciro Gasabo Imvestment Company (GIC) yatsindiye ku isoko ry'ubutaka bwa Kimironko, kuko yamaze kwishyura 30 % by'ikiguzi cyose kingana na 3,159,661,000 frw, maze asoza asaba ko Inama Njyanama ko yatanga inama ku kibazo cy'amafaranga GIC itarishyura nk'uko biteganyijwe mu masezerano ya cyamunara.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragarije Inama Njyanama aho gahunda y'itangwa ry'amasoko igeze ishyirwa mu bikorwa, asobanura ko muri uyu mwaka Akarere ka Gasabo kazatanga amasoko 51, harimo amasoko 17 y'ibiribwa, 22 ya serivisi na 12 y'imirimo. Hasobanuwe ko mu masoko 17 y'ibiribwa ; amasoko 7 yarangiye, isoko rimwe riri mu nzira zo kurangira naho andi masoko 9, aracyari mu nzira zo gutangwa. Ku masoko ya serivisi 22 ; amasoko 3 yararangiye, amasoko 7 ari mu nzira zo kurangira naho amasoko 12 aracyari mu nzira zo gutangwa. Ku masoko y'umurimo ; isoko rimwe ryarangiye gukorwa, amasoko 10 ari mu nzira zo gukorwa naho isoko rimwe riracyari mu nzira zo gutangwa.

Abari mu nama bamaze kugezwaho raporo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari, gusobanurirwa ikibazo cya Gasabo Imvestment Company ku birebana n'icyamunara yatsindiye, gusanga ibikubiye mu masezerano bitarubahirijwe, bamaze no kumva icyifuzo cy'Umujyanama uhagarariye abikorera mu Nama Njyanama y'Akarere uri no mu buyobozi bwa GIC, wasobanuye ko mu gihe kitarenze ukwezi bazaba bamaze kwishyura, Abajyanama batanze igitekerezo ko bavuga niba amasezerano yari akubiye mu nyandiko ngenderwaho y'isoko (terme de reference)., atubahirijwe, Akarere kagombye kuba karabandikiye gashyira mu bikorwa ibyo amasezerano ateganya, maze basaba Komite Nyobozi gutegura raporo isobanura neza iby'ikibazo cya GIC, bakagaragaza ingorane zirimo kandi bagatanga n'ibyifuzo, basaba ko Inama Njyanama yaheraho ifata umwanzuro. Bamaze no gusobanurirwa aho gahunda y'itangwa ry'amasoko igeze ishyirwa mu bikorwa, bunguranye bitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 02.05.014**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo ku cyamunara cy'ibibanza bya Kimironko ishingiye no ku myanzuro Inama Njyanama yateranye ku wa 22 Mutarama 2016, yafashe ku kibazo cya Gasabo Imvestment Company, bamaze no kumva icyifuzo GIC ko iteganya kwishyura mu minsi ya vuba, bunguranye ibitekerezo basabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu gusuzuma mu buryo bunononsoye ikibazo cya Gasabo imvestment Company, ishingiye ku ibaruwa ya Gasabo Imvestment yanditse isaba ko yaba yihanganiwe, hashingiwe no kuri raporo y'Akarere bakazatanga raporo ku Nama Njyanama mu gihe cya vuba.

**Umwanzuro N° 02.06.015**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashimye kandi yemeza raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2015-2016.
Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u>: Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere.**

Kuri iyi ngingo, bitewe n'uko Perezida wa Komite Ngenzuzi atari yitabiriye inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yasabye abitabiriye inama kwemeza ko umwe mu bagize Komite Ngenzuzi yabagezaho raporo yabo nk'uko Perezida wa Perezida wa Komite Ngenzuzi yari yabisabye, maze ku bwumvikane busesuye arabyemeza.

Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose yahawe umwanya ageza ku bitabiriye inama raporo Komite Ngenzuzi yateguye ku byo yakoze. Asobanura ko iyi raporo ikubiyemo:

1. Ubugenzuzi Bwite bwakoze ku bigo by'amashuri bya G.S Gicaca I, G.S Bumbogo na G.S Ruhanga ;
2. Raporo y'Ubugenzuzi yakozwe kuri VUP ;
3. Aho inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, zigeze zishyirwa mu bikorwa ;
4. Uko umwanzuro wafashwe hashingiwe kuri raporo Ubugenzuzi Bwite bwakoze ku kigo cya FAWE Girls School washyizwe mu bikorwa.

**4.1.Ubugenzuzi Bwite bwakoze ku bigo by'amashuri bya G.S Gicaca I, G.S Bumbogo na G.S Ruhanga**

Komite Ngenzuzi yagaragaje ko nyuma yo gusesengura raporo z'Ubugenzuzi bwakozwe mu bigo by'amashuri bya G.S Gicaca I, G.S Bumbogo na G.S Ruhanga hari amakosa basanze ibyo bigo bihuriyeho n'andi buri kigo kihariye. Amakosa ibigo byagenzuwe ahuriyeho ni nko kuba:

- Ibitabo by'ibaruraramari bituzuzwa uko bikwiye mu bigo by'Amashuri yagenzuwe aribyo GS Gicaca1; G.S Bumbogo na G.S Ruhanga.
- Inyemeza buguzi zishyurwa ntakimenyetso ibigo by'Amashuri bishyiraho cyerekana ko zishyuwe "PAID" ku buryo Ubugenzuzi bwite bw'Akarere bwasanze izi nyemeza buguzi zishobora kwishyurwa kabiri.
- Imikoreshereze y'ikirenga ku mafaranga ya caisse.
- Nta bitabo by'umutungo (asset register) ibigo byose byagenzuwe bigira ku buryo abayobozi babyo batazi umutungo bafite n'agaciro kawo.
- Amafaranga yishyurwa adafitiwe ibimenyetso byerekana impamvu amafaranga yishyurwa "supporting document".
- Amafaranga ya y'ifunguro abana bafatira ku ishuri (School feeding) adakorerwa raporo z'uburyo yakoreshjwe ngo ishyikirizwe Ababyeyi;

Amakosa yihariye yagiye agaragara kuri buri kigo cyagenzuwe ni aya akurikira:

- ✓ **Muri G.S ya BUMBOGO**

Muri G.S ya Bumbogo hagaragaye ikinyuranyo hagati ya raporo y'Umwaka na raporo y'ukwezi ku mafaranga Akarere kohereza ku ishuri angana na 2.351.421. Amafaranga yasohotse adafite ibisobanuro angana na 19.299.115 n'amafaranga yasohotse adafate ibisobanuro bihagije angana na 2.616.115.

- ✓ **Muri G.S ya RUHANGA**

Muri G.S ya RUHANGA hagaragaye amafaranga yasohotse adafite ibisobanuro angana na 5.057.550 n'amafaranga yasohotse adafite ibisobanuro bihagije angana na 7.935.330.

- ✓ **Muri G.S ya GICACA I**

Muri G.S ya GICACA I hagaragaye amafaranga yasohotse adafite ibisobanuro bihagije angana na 7.048.793, hari n'amdosiye y'abarimu atuzuye.

Komite Ngenzuzi ishingiye kuri raporo yasuzumye, yagaragaje ko abayobozi b'ibigo b'amashuri bahinduriwe imyanya (uwitwa UWAMBAZA Beatha muri GS RUHANGA na DUSHIMIYIMANATheophile muri G.S BUMBOGO wimuriwe muri GS GICACA I), isanga batabyishimiye kuko nta hererekanyabubasha bigeze bakorana n'ababasimbuye kandi naho ryakozwe abayobozi bahinduwe bimanye inyandiko (documents) z'ishuri.

Komite Ngenzuzi yagaragaje imyanzuro isaba Inama Njyanama ko yakwemeza, maze nyuma y'ibitekerezo bitandukanye bayemeza ku buryo bukurikira:

**Umwanzuro N° 02.07.016**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gusaba Abayobozi b'ibigo by'amashuri yangenzuwe: G.S GICACA I, G.S BUMBOGO na G.S RUHANGA gutanga ibisobanuro ku mafaranga yaburiwe irengero n'adafite impapuro zihagije ku mikoreshereze yayo. Ibyo bisobanuro byaba bitabonetse mu gihe cy'icyumweru kimwe (iminsi 7) cyangwa bitanyuze bagahanwa hakurikijwe amategeko.

**Umwanzuro N° 02.08.017**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikiranira hafi imikorere y'Umuyobozi mushya wa G.S GICACA I, kubera imikorere mibi akomeza kugaragaza mu kazi.

**Umwanzuro N° 02.09.018**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gushakira amahugurwa ahagije ku bijyanye n'imicungire y'Umutungo abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abacungamari kugirango barusheho kunoza akazi kabo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

### 4.2. Raporo y'Ubugenzuzi bwakozwe kuri VUP.

Komite Ngenzuzi yasobanuye ko yasesenguye raporo y'Ubugenzuzi bwakozwe kuri VUP, kandi ko yasanze nta bibazo bikomeye birimo uretse abaturage batitabira neza iyi serivisi y'inguzanyo (financial servises), bitewe n' uko mu ntangiriro inguzanyo yatangirwaga ku nyungu ya 2% none ubu inyungu ikaba yarageze kuri 11%. Hasobanuwe ko iki kibazo kiri ku rwego rw'Igihugu kitareba Akarere ka Gasabo gusa, ahubwo ubuyobozi bw'Akarere kuzakora ubuvugizi ku byerekeranye n'ingwate isabwa.

### 4.3. Aho inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, zigeze zishyirwa mu bikorwa.

Komite Ngenzuzi yamenyesheje abari mu nama ko ishingiye kuri raporo z'Ubugenzuzi, mu nama (recommendations) zatanzwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, inama esheshatu (6) zashyizwe mu bikorwa bingana na 55 %, ebyiri (2) ziracyashyirwa mubikorwa naho izindi eshatu (3) ntizirashyirwa mu bikorwa.

### 4.4. Uko umwanzuro wafashwe hashingiwe kuri raporo Ubugenzuzi Bwite bwakoze ku kigo cya FAWE Girls School washyizwe mu bikorwa

Komite Ngenzuzi yamenyesheje Inama Njyanama ko ishingiye ku mwanzuro nomero 49.4.676 wemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 11 Ukuboza 2015 ; *usaba Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo kwandikira Umuyobozi w'Ikigo FAWE Girls School bamusaba kugaragaza inyandiko zitagaragajwe zirebana n'imikoreshereze y'amafaranga avugwa muri raporo y'Ubugenzuzi bwakorewe ishuri ayobora mu gihe kitarenze icyumweru kimwe akimara kubona iyo baruwa, haramuka hatubahirijwe ibyasabwe bagahita bashyikirizwa inzego zifite ububasha bwo gukurikirana abakoze ibyaha.* Komite Ngenzuzi yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko uyu mwanzuro washyizwe mu bikorwa, kandi ko hashingiwe ku bisobanuro uwari Umuyobozi wa Fawe yatanze basanze ku mafaranga 35.066.441 atari afitiwe bisobanuro 30.098.068 byarabonetse, hasigaye amafaranga 4.968.373, Komite Ngenzuzi isaba ko nayo yakurikiranwa.

Nyuma yo kugezwaho ibyagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wari warafatiwe Umuyobozi w'Ikigo cya *FAWE Girls School*, hashingiwe ku nama yatanzwe na Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere, bemeje umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 02.10.019**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi, ishima uburyo umwanzuro numero 49.4.676 washyizwe mu bikorwa, yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere yakwandikira uwari umuyobozi w'ishuri rya FAWE Girl School imusaba kwishyura amafaranga yaburiwe irengero; akayishyura mu gihe kitarenze ukwezi kumwe, atabikora akazakurikiranwa hakurikijwe amategeko.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**4.5.Abakozi bo mu Bugenzuzi Bwite bw'Akarere**

Komite Ngenzuzi yamenyesheje Inama Njyanama ko yasuzumye dosiye z'abakozi bakora mu Bugenzuzi Bwite bw'Akarere basanga abakozi barimo badafite uburambe buhagije bwo kuba batanga inama zihagije k'ubo bagenzura ndetse no ku Nama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, aho basanga umwe muri bo Bwana NDUWIMANA Etienne anengwa cyane imikorere mibi yamurangagwaho akiri umukozi wa service ishinzwe ibikoresho (Logistic Officer), bityo akaba adakwiye kuba yakora muri serivisi y'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere ka Gasabo.

Abari mu nama bamaze kugezwaho ikibazo cya Bwana NDUWIMANA Etienne ku buryo burambuye kandi mu muhezo, bungurana ibitekerezo, maze hashigiwe ku makosa yigeze kumugaragaraho ubwo yari Logistic Officer, bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 02.11.020**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibyagendeweho Bwana NDUWIMANA Etienne ashyirwa mu mwanya w'Umugenzuzi Bwite bw'Akarere, bamaze no kumva ikibazo cy'imikorere itari myiza yamugaragayeho igihe yari Logistic Officer, basabye Komite Nyobozi y'Akarere ko yashakirwa undi mwanya ashyirwamo aho kuba mu Bugenzuzi Bwite bw'Akarere, niba basanze nta makosa afite yatuma asezererwa. Ku mwanya w'Ubugenzuzi Bwite bw'Akarere hagashakwa abandi bakozi bafite ubushobozi.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatanu</u>: Ingengabihe y'inama za Komisiyo na gahunda y'ibikorwa.**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye umwanya ba Perezida ba Komisiyo kugira ngo bagaragaze ingengabihe y'inama za Komisiyo ndetse banagaragaze gahunda y'ibikorwa bateganya gukora muri aya mezi asigaye ngo umwaka urangire.

**5.1. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya maze amenyesha abagize Inama Njyanama ko mu nama Komisiyo yakoze, bemeje ko Inama ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu izajya iterana ku wa gatanu w'icyumweru cya gatatu cya buri kwezi. Ku birebana na gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo, yasobanuye ko muri aya mezi asigaye, izagendera

kuri gahunda yateguwe n'abo yasimbuye, hongereweho gahunda yo gusura za SACCOs ndetse no gusura imihigo ireba inkingi y'Ubukungu.

**5.2. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage nawe yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo ya Komisiyo, agaragaza ibyagombaga kwigwaho mu nama ya mbere bagize n'imyanzuro yafashwe.

Ku ngengabihe y'inama, Komisiyo yemeje ko inama za Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage zizajya ziterana ku wa kabiri w'icyumweru cya kabiri cya buri kwezi.Ku birebana na gahunda y'ibikorwa Komisiyo izibanda, mu gukurikirana imihigo igifite ibibazo mu ishyirwa mu bikorwa yo mu nkingi y'imibereho myiza, no kwitabira inama zitandukanye ziteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by"umwihariko nka gahunda yo kwibuka, gukora inama isanzwe ya Komisiyo rimwe mu kwezi , kwitabira inteko rusange z'ibyiciro byihariye, gusura ibigo byigisha gusoma no kwandika. Naho gahunda y'ibikorwa ya 2016-2017 ikazakorwa ishingiye kuri gahunda y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2016-2017.

Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko yasuzumye imihigo iri mu nkingi y'imibereho Myiza, mu rwego rwo kureba aho igeze ishyirwa mu bikorwa no gutanga inama ahari imbogamizi, kandi ikazahura n'abakozi ku itariki ya 10/5/2016, harebwa inama zatanzwe ko zubahirijwe.

**5.3. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza nawe yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo iyo yahuye mu nama yayo ya mbere ndetse abagezaho ibyasuzumwe muri iyo nama. Ku birebana n'ingengabihe y'inama, Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yemeje ko izajya iterana ku wa gatanu w'icyumweru cya kabiri cy'ukwezi. Perezida wa Komisiyo yamenyesheje abari mu nama ko Komisiyo yiyemeje kuzasura imirenge yose mu rwego rwo kureba ibibazo bihari ndetse no gukurikirana umutekano w'abantu n'ibintu.

Abagize Inama Njyanama bagejejweho n'ikibazo cya Komisiyo y'Imitungo yasizwe na bene yo Umujyanama KAMILI, we abona imeze nk'aho yateranywe aho imaze kwibwa laptops 4 buri gihe bagasanga zibwe kandi ntawaciye urugi. Abari mu nama bamusobanuriye ko Komisiyo itatereranywe, ahubwo muri raporo Komisiyo itanga, ikwiye kujya igenera kopi Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi w'Inama Njyanama mu rwego rwo gukorera hamwe no gusangira amakuru. Naho ku birebana na Laptop zimaze kwibwa ikibazo Komisiyo ikwiye kugishyikiriza Polisi, kandi abakozi ba Komisiyo ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo bagasabwa ibisobanuro by'uburyo zibwa.

Nyuma yo kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza, Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu na Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma ingengabihe z'inama za Komisiyo n'ibikorwa Komisiyo zizakora muri aya mezi asigaye ngo umwaka wa 2015-2016 urangire, hemejwe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 02.12.021**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ingengabihe z'inama za Komisiyo zigize Inama Njyanama na gahunda y'ibikorwa mu buryo bukurikira:

| *S/N* | *KOMISIYO* | *INGENGABIHE Y'INAMA* | *IBIKORWA* |
|---|---|---|---|
| 1 | Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu | Ku wa gatanu w'icyumweru cya gatatu cy'ukwezi | Gukomeza gahunda yateguwe n'abo basimbuye, Gusura za SACCOs no gusura imihigo |
| 2 | Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage | Ku wa kabiri w'icyumweru cya kabiri cy'ukwezi. | Gukurikirana imihigo yo mu nkingi y'imibereho Myiza ifite ibibazo, Kwitabira inama zateganyijwe muri gahunda y'ibikorwa by'umwihariko nka gahunda yo kwibuka, kwitabira Inteko Rusange z'Ibyiciro byihariye, Gusura ibigo byigisha gusoma no kwandika. |
| 3 | Imiyoborere Myiza | Ku wa gatanu w'icyumweru cya kabiri cy'ukwezi. | Gusura imirenge harebwa ibibazo bihari no kureba umutekano w'abantu n'ibintu. |

**<u>Ingingo ya gatandatu</u>: Ibintu n'ibindi.**

a. **Uko Umuhigo wo kubaka ibiro by'Akarere uhagaze.**

Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya agaragariza abagize Inama Njyanama imbogamizi bagiye bahura nazo ku muhigo wo kubaka ibiro by'Akarere, asobanura ko ahanini izo mbogamizi zagiye zituruka ku kubura ubutaka, k'uburyo hari ahagiye haboneka ariko nyuma hakaza kuboneka impamvu, atanga urugero rw'ikibanza cy'aho MINAGRI yahoze ikorera, ikibanza cy'ahahoze region sanitaire, ikibanza cyo muri Polisi, ikibanza cy'i Kagugu hafi ya RSSB ndetse n'ikibanza cy'i Ndera aho Akarere kigeze gukorera. Amahirwe akaba agaruka ku kibanza cy'i Ndera kubera ko Akarere kahafite ubutaka.

Abari mu nama bamaze kugaragarizwa imiterere y'ikibazo, banguranye ibitekerezo, basaba Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana iki kibazo, hakarebwa niba nta mpamvu ituma Akarere katakubakwa i Ndera.

b. **Itorero ry'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze.**

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje abari mu nama ko Akarere kari gutegura itorero ry'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze baherutse gutorwa, hazatozwa abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu, Inama Njyanama z'Utugari n'Inama Njyanama z'Imirenge hamwe n'abakozi b'Utugari ndetse n'umukozi umwe kuri buri Murenge, bose hamwe bakaba barenga 4000.
Yabagejejeho aho imyiteguro igeze ababwira ko iryo torero rizabera muri KIE, abanyeshuri bamaze gufunga bagiye mu biruhuko mu ntangiriro z'ukwezi kwa Kamena 2016. Ikindi ni uko bazatozwa

mu byiciro 4, kuko amacumbi atabakwira bose, kandi ko buri cyiciro kizatozwa iminsi 5, ndetse asaba Abajyanama kwitegura kuko nabo bari mu bazatoza.

**c. Ingingo zasabwe kongerwa ku murongo w'ibyigwa**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasabye abari mu nama ko baha umwanya Abajyanama bafite ingingo bifuje kongera ku murongo w'ibyigwa, bakazisobanura neza kugira ngo zoherezwe mu ma Komisiyo azazisuzume zitange raporo ku nama Njyanama.

Abari mu nama bamaze kugezwaho icyo gitekerezo ku bwumvikane busesuye barabyemeje maze zoherezwa muri Komisiyo k'uburyo bukurikira:

1. Ikibazo cy'ishuri rya APERWA, bavuga ko hari abatangiye kugurisha ubutaka Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yasabwe kugikurikirana, hakarebwa uburyo ubwo butaka butakomeza kugurishwa, mu gihe urukiko rutarafata umwanzuro.
2. Ikibazo kirebana n'imyubakire ku rubyiruko, cyashyikirijwe Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
3. Ikibazo cy'ibigega bya lisensi mu Murenge wa Rusororo, iki kibazo cyashinzwe Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.
4. Ubukangurambaga ku batuye mu nkengero z'Umujyi mu gukoresha ikoranabuhanga ( bigendanye na gahunda y'IREMBO) cyashinzwe Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'bukungu
5. Ikibazo cya serivisi y'Ubutaka n'Imiturire cyahawe Komisiyo y'Imiyoborere Myiza.
6. Gushyiraho isanduku y'Abajyanama yabafasha muri gahunda z'imibereho myiza (guhemba ababyaye, gutwerera abafite ubukwe no gusura abagize ibyago), Abajyanama bashimye igitekerezo, bavuga ko buri Mujyanama yajya atanga 3000 Frw buri kwezi akabikwa muri Banki y'Abaturage. Komisiyo y''Iterambere ry'Imibereho Myiza yasabwe kunoza uyu mushinga mu nama itaha ikazatanga raporo ndetse igategura amategeko agenga iyo sanduku.
7. Ikibazo cy'amazi y'umuhanda uca mu nsi ya TIGO, agasenyera abantu. Komite Nyobozi yasabwe kubikurikirana

Inama yari yatangiye saa tatu n'iminota makumyabiri za mu gitondo (9h20), yashoje imirimo yayo saa kumi n'iminota mirongo itanu z'amanywa (16h50), Umuyobozi w'Inama Njyanama asoza ashimira Abajyanama bayitabiriye.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 29 Mata 2016.

**Umwanditsi w'inama** :

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

**Umuyobozi w'inama** :

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo